RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY
Inspiring development

12 MAR 2020
**Tariki:** ....................................
**Ref:** 0397..........**DG/RURA/020**

**Bwana Umuyobozi w'ikigo** gitwara abagenzi cya ........(BOSE)..... .........

**Impamvu**: **Kugira isuku mu modoka rusange.**

Hashingiwe ku butumwa bwa Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe bwo kuwa 06 Werurwe 2020 bukangurira abanyarwanda bose kwirinda no gukumira icyorezo cya Coronavirus cyugarije isi;

Dushingiye kandi ko imodoka zitwara abagenzi rusange zihoramo urujya n' uruza rw' abagenzi;

Mu rwego rwo kubahiriza amabwiriza akubiye mu butumwa bwavuzwe hejuru;

Urwego Ngenzuramikorere RURA rurabasaba gusukura imodoka no gutera umuti wabugenewe (sanitizers) cyane cyane ku byuma abagenzi bafataho bari mu modoka no guha abagenzi badategera muri gare umuti bifashisha bisukura ibiganza mbere yo kwinjira mu modoka.

Kutubahiriza aya mabwiriza bibangamiye gahunda ya leta yo gukumira icyorezo cya Coronavirus kandi birahanirwa.

Mugire amahoro.

RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Patrick NYIRISHEMA**
**Lt Col**
**Umuyobozi Mukuru**

**Bimenyeshejwe**:

Nyakubahwa Ministre w' intebe
Nyakubahwa Ministre w' ubutegetsi bw' igihugu
Nyakubahwa Ministre w' ibikorwa remezo
Nyakubahwa Abayobozi b' intara n' Umugi wa Kigali